


Impinduka zijyanye na COVID-19 Imfashanyo ku Buzima

Ku wa **11 Gicurasi, 2023**, ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange buzahagarara. Ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange butuma leta ikoresha amafaranga byihuse kandi igashyiraho porogaramu zo gushyigikira imibereho myiza rusange y'abaturage.

Nubwo ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange buhagaze, COVID-19 iracyari indwara iteza akaga.



- ✓ Abantu benshi baracyapfa buri munsi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ndetse abandi benshi bakaremba.
- ✓ COVID-19 ishobora kandi guhungabanya ibikorwa byawe bya buri munsi n'umuryango wawe, gutuma abantu batajya ku kazi cyangwa ku ishuri.



Ushobora gusabwa kwishyura ibipimo, ubuvuzi n'inkingo bya COVID-19. Mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange, inkingo, ubuvuzi n'ibipimo bya COVID-19 byatangwaga ku buntu. Nyuma y'itariki 11 Gicurasi, ikiguzi cy'ubuvuzi, ibipimo n'inkingo bizashingira ku bwishingizi bwawe bw'ubuzima.



Niba ufite Medicaid, uzasabwa gutanga igihamya cy'uko uyemerewe buri mwaka. Mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange, abantu bari bafite ubwishingizi bw'ubuzima binyuze muri Medicaid bahitaga bongera kwandikwa buri mwaka. Nyuma y'itariki 31 Werurwe, abantu bazasabwa gutanga igihamya cy'uko bemerewe buri mwaka.



Niba ukoresha SNAP, ushobora guhabwa amafaranga make na leta yo kugura ibiribwa. Mu gihe cy'ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange, leta yahaye imiryango ikoresha Porogaramu ya Gahunda y'imfashanyo yo kongera ibiribwa (SNAP) amafaranga y'inyongera yo kugura ibiribwa. Mu minsi mike, imiryango izahagarika kwakira aya mafaranga y'inyongera.

**FATA INKINGO ZAWA N'IBIPIMO
UYU MUNSI BIKIRI UBUNTU.**



THE CENTER

Hari intambwe ushobora gutera mbere na nyuma y'uko Ubutabazi bwihutirwa ku buzima rusange buhagarara kugira ngo wirinde kandi urinde bagenzi bawe.

Niba ufite Medicaid:

- Kora ku buryo ikigo gicunga ibyo ugenerwa na Medicaid baba bafite amakuru yawe yerekeye itumanaho, harimo aderesi zawe nyazo na numero ya telefone yawe nyayo.
- Itondere ubutumwa wakira bufitanye isano n'ibyo ugenerwa na Medicaid. Niwakira imenyeshya, hita ukora ibyo rikubwira.

Fata inkingo zose zisabwa za COVID-19 mbere y'itariki 11 Gicurasi, zigitangirwa ubuntu.

- Kuba warahawe inkingo zose bisobanuye ko wahawe inkingo zombi ku nkingo zitangwa kabiri, ndetse ugahabwa n'izo gushimangira zisabwa.
- Mu gihe utarabona ibikwiye, uba ufite ibyago byinshi byo kwandura COVID-19, kurwara ukaremba cyangwa gupfa.
- Ni ingenzi cyane guhabwa inkingo zose za COVID-19, ndetse na nyuma y'itariki 11 Gicurasi. Shaka amavuriro y'abaturage ya leta n'abandi batanga serivisi z'ubuzima batanga serivisi z'ubuzima ku buntu cyangwa ku giciro kigabanyijwe.
- Shaka urukingo kuri [vaccines.gov](https://www.vaccines.gov).

Bika mu rugo ibipimo bya COVID-19 mbere ya tariki 11 Gicurasi.

- Tumiza muri leta ibipimo bya COVID-19 by'ubuntu mbere y'itariki ya 11 Gicurasi. Ibipimo bine ku rugo bishobora gutumizwa buri kwezi nta kiguzi. Tumiza ibipimo kuri interineti kuri [covidtests.gov](https://www.covidtests.gov), cyangwa uhamagare 1-800-232-0233 kugira ngo utumize ibipimo mu ndimi zisaga 150.
- Niba ufite ubwishingizi bw'ubuzima, harimo Medicaid, ushobora kubona ibipimo bya COVID-19 kuri farumasi nyinshi mbere y'itariki ya 11 Gicurasi. Jya kuri farumasi iri aho utuye, bahe ikarita yawe y'ubwishingizi, maze ubabaze niba ibipimo bya COVID-19 byishyurwa n'ubwishingizi.

Hari amahitamo menshi ku bantu bakeneye ubufasha kwo kwishyura ibyo kurya.

- Vugana n'abashinzwe ububiko bw'ibiribwa aho utuye usura [foodfinder.us](https://www.foodfinder.us) kandi ukandikamo kode yawe ya zip.
- Leta zimwe zifite porogaramu zituma ugura imbuto n'imboga byinshi bitoshye ukoresheje imfashanyo uhabwa na SNAP. Sura [doubleupamerica.org](https://www.doubleupamerica.org) kugira ngo ubone andi makuru.
- Baza ishuri umwana wawe yigaho niba hari amafunguro y'ubuntu cyangwa yagabanyirijwe ibiciro.
- Hamagara 2-1-1, cyangwa 1-866-3-HUNGRY, cyangwa ubaze ushinzwe dosiye yawe yo gutuzwa ibyerekeye ahandi hava ibiribwa.



Shaka urukingo



Tumiza ibipimo



Shaka ububiko bw'ibiribwa



Nurwara COVID-19 nyuma y'itariki 11 Gicurasi, ntuzatinde kwivuzza. Nubwo uzaba ugomba kwishyura imiti, amafaranga uzishyura ubuvuzi azaba menshi cyane nutinda cyane bigasaba ko ushyirwa mu bitaro.



THE CENTER